Editions Bakame na Illusafrica: Guteza imbere ibitabo by'abana

Kuva tariki ya 1 Ugushyingo 2004, mu kigo cya Mutagatifu Pawulo i Kigali (Centre National de Pastorale St Paul) hatangiye amahugurwa azamara iminsi 15 yagenewe abanditsi n'abashushanya ibitabo by'abana. Ayo mahugurwa yateguwe n'inzu yandika ibitabo by'abana yo mu Rwanda, izwi ku izina rya Editions Bakame, ifatanije n'ishyirahamwe rihuza abanyafurika bandika bakanashushanya ibitabo by'abana (Association Panafricaine des auteurs et illustrateurs, ariyo ILLUSAFRICA a.s.b.l, na Ministeri y'Urubyiruko, Umuco na Siporo (MIJESPOC), abarimu bahugura bakaba ari abagabo babili b'abahanga mu kwandika no gushushanya ibitabo by'abana baturutse mu gihugu cy'Ububiligi, aribo Dominique Mwankumi na Jean Claude Kimona.

Iryo hugurwa kandi rikaba ribaye irya gatatu (3ème module) mu mahugurwa ane ateganijwe. Umuhango wo gutangiza iryo hugurwa witabiriwe na Bwana Ministri w'Urubyiruko, Umuco na Siporo, Habineza Joseph, na Chancellier muri Ambassade y'Ububiligi mu Rwanda, P.Mess, na Madamu Agnès Girukunda, Umuyobozi wa Editions Bakame.

Mw'ijambo ry'ikaze ryavuzwe n'umwe mu barimu bahugura, Jean claude Kimona, yavuze ko bashimishijwe no kugaruka mu Rwanda kugirango batange ubumenyi bwabo mu kunonosora inyandiko (finalisation du texte) no kwerekana uko igitabo cy'abana gitegurwa (Maquette), bakaba bizera ko iryo hugurwa rizatanga imbuto nziza.

Afungura ku mugaragaro iryo hugurwa, Bwana Ministri w'Urubyiruko, Umuco na Siporo, habineza Joseph, yashimiye Editions Bakame n'Ishyirahamwe Illusafrica , anashimira abo barimu ukuntu biyemeje gutanga ubumenyi bwabo ku banyarwanda, asaba abanditsi n'abashushanya ibitabo by'abana bitabiriye ayo mahugurwa, ko bahugura abana bacu babandikira ibitabo byiza, ababwira ko amahugurwa meza ari ibitabo(La meilleure formation, ce sont les livres), kandi ko abatezeho umusaruro mwiza.

Twibutse ko ayo mahugurwa yatangiye muri Nzeri 2004, ahuje abanditsi n'abashushanya ibitabo by'abana bagera kuri 16, mu mahugurwa abiri arangiye bakaba barize uko bandika inkuru, kuyinononsora, kuyishushanya no guhuza inkuru n'ishusho. Ayo mahugurwa kandi yatumye hashingwa ishyirahamwe ry'abanditsi n'abashushanya ibitabo by'abana (Antenne Illusafrica-Rwanda), muri Nzeli 2002, intego zaryo ikaba ari uguteza imbere uwo mwuga bahangira by'umwihariko abana b'abanyarwanda ibitabo byiza, ariko kandi batibagiwe n'abo mu bindi bihugu. Twibutse ko Editions Bakame, ari nayo yateguye ayo mahugurwa, ubu imaze igihe yandika ibitabo by'abana bitandukanye biherekejwe n'amashusho kandi mu ndimi z'ikinyarwanda, igifaransa n'icyongereza.

Kagaba Emmanuel